CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
**Secrétariat Général**
**B.P. 357** Kigali / Rwanda
**Tél. :** (+250) 252 575 439
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

## ITANGAZO RISOZA INAMA ISANZWE Y'IGIHEMBWE CYA KABIRI Y'ABEPISKOPI GATOLIKA MU RWANDA YATERANIYE I KIGALI KU WA 16 – 19 KAMENA 2020

Kuva tariki ya 16 kugeza ku ya 19 Kamena, hubahirijwe amabwiriza yo kwirinda Covid-19, Abagize Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda bahuriye mu nama isanzwe y'igihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2020, i Kigali ku cyicaro cyayo. Yari iyobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Filipo RUKAMBA, Umushumba wa Diyosezi ya Butare akaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda. Iyo nama yitabiriwe kandi na Nyiricyubahiro Musenyeri Andrzej JÓZWOWICZ, Intumwa ya Papa mu Rwanda wabagejejeho indamutso ya Papa Fransisiko. Yanamenyesheje ko Papa Fransisiko ahumuriza abakristu bose muri iki gihe gikomeye cya Covid-19 cyane cyane abarwaye n'abapfushije ababo.

Ku murongo w'ibyigwa hari ingingo zikurikira: kurebera hamwe imibanire ya Leta ya Vatikani na Leta z'ibihugu binyuranye ku isi, isubikwa ry'ihuriro ry'Ukaristiya ku isi no mu Rwanda, aho ishyirwaho ry'inzego zirengera abana zikanabarenganura rigeze. Inama kandi yagombaga gushyira mu myanya y'ubutumwa abapadiri aho bakenewe cyane cyane mu Nama y'Abepiskopi no muri za Seminari nkuru, gusuzuma uko amavuriro ya Kiliziya ahagaze muri iki gihe, kunoza ingamba zitegurira abantu gukomeza kwirinda Covid-19 no mu gihe kiliziya zaramuka zikinguwe, kungurana ibitekerezo ku buzima bw'abafaratiri muri rusange n'ubw'abadiyakoni by'umwihariko muri iyi minsi turimo n'andi makuru anyuranye yerekeye ikenurabushyo muri Kiliziya y'u Rwanda.

Aya mezi atatu tumaze tutabasha guhura ngo dusengere hamwe aravunanye ariko ntiyabaye impfabusa mu iyogezabutumwa ahubwo yatumye ukwemera kwacu kuvumbura ubundi buryo bwo gushyikirana hifashishijwe ikoranabuhanga. Inama ya mbere imbonankubone yaranzwe no gusangira ubuzima twabayemo muri ubwo butumwa bitera abashumba bacu kugenera abakristu ubutumwa bwihariye.

Abepiskopi Gatolika mu Rwanda, bamaze kungurana ibitekerezo kuri izo ngingo zose bemeje ibi bikurikira:

1. Kubera ikibazo cya Covid-19, Abepiskopi bemeje ko Ihuriro ry'Ukaristiya ryari riteganyijwe uyu mwaka ryimukira umwaka utaha wa 2021 ku munsi mukuru w'Isakaramentu Ritagatifu mu rwego rwa Diyosezi, tariki ya 6 Kamena no ku itariki 18 Nyakanga mu rwego rw'igihugu, rikazabera i Kigali. Umuhimbazo kuri buri rwego uzajya utegurwa n'iminsi itatu y'ibiganiro kuri Ukaristiya n'ibyiza byayo.

2. Hashingiwe ku rwandiko rwa Papa Fransisiko *motu proprio "vos estis lux mundi"* , Abepiskopi bemeje ishyirwaho ry'amatsinda azajya akurikirana ibibazo bijyanye n'ihohoterwa rikorerwa abana batarageza ku myaka 18 mu rwego rwa buri Diyosezi. Abepiskopi bemeje Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA nk'uhagarariye urwego rw'igihugu rukurikiranira hafi ibibazo bijyanye n'ihohoterwa ry'abana.
3. Abepiskopi batanze ibitekerezo ku mbanzirizamushinga y'amasezerano agenga amavuriro yigenga afashwa na Leta ku bw'amasezerano biyemeza gukomeza imishyikirano hagati y'impande zombi.
4. Mu rwego rwo kwitegura ifungurwa rya za kiliziya, Abepiskopi biyemeje kugeza ingamba zo kwirinda ku bapadiri n'abakristu kugira ngo bazabashe gusenga batekanye.
5. Abepiskopi bemeje ko guhera tariki ya 1/07/2020, bazatangira kohereza abafaratiri kuruhukira muri paruwasi nk'uko bisanzwe bigenda, kugira ngo bafashe abapadiri n'abakristu mu butumwa bwabo bwa buri munsi.
6. Abepiskopi batangaje ko umwaka w'amashuri mu iseminari nkuru wari warahagaze kubera Covid-19 uzongera gusubukurwa tariki ya 1 Nzeri 2020 nk'uko amabwiriza ya guverinoma yerekeye kurwanya ikwirakwizwa rya Covid-19 abiteganya. Umwepiskopi ushinzwe amaseminari azatangaza gahunda izakurikizwa amaze kubinoza n'abayobozi b'amaseminari.
7. Abepiskopi bemeje kandi ko itangwa ry'ubudiyakoni n'ubupadiri rizaba nyuma yo gusoza amasomo n'imyiteguro ngombwa bakazabimenyeshwa muri gahunda yihariye ikinozwa n'ababishinzwe.
8. Abepiskopi bagejejweho amavu n'amavuko ya Pacis TV, Televiziyo ya mbere gatolika mu Rwanda ifite icyicaro kuri Paruwasi Regina Pacis. Abepiskopi biyemeje kuyishyigikira kugira ngo ubutumwa ikora bugere kuri benshi.

Umuyobozi w'Inama yasoje ashimira abayitabiriye bose, abasaba gukomeza gusenga cyane ngo Imana idukize iki cyorezo cya Covid-19 kandi ngo abakristu bakomeze gutera imbere mu kwemera.

Inama yarangiye i saa saba z'amanywa (13h00) isozwa n'isengesho.

Bikorewe i Kigali ku wa 19 kamena 2020

**Padiri Martin NIZIGIYIMANA**
Umunyambanga Mukuru
w'Inama y'Abepiskopi Gatolika
mu Rwanda

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
CEPR
B.P. 357 Kigali
Rwanda
PRESIDENT

✠ **Filipo RUKAMBA,**
Umwepiskopi wa Butare akaba na
Perezida w'Inama y'Abepiskopi
Gatolika mu Rwanda